# BELIEVERS EASTERN CHURCH

Office of the Metropolitan, Synod Secretariat, St. Thomas Community, Thiruvalla, Kerala, India.

**IBARUWA Y'ABASHUMBA**

July/August 2023

Intashyo n'imigisha kuri mwebwe arikepisikopi, abepiskopi, abapadiri,abadiyakoni,abavugabutumwa na babikira namwe abizera ba believers Eastern church ku isi hose mu izina rya Data, na mwana na Roho Mutagatifu. Amen! +

Nshuti bakundwa muri Kirisito,

Tugiye gutangira igihe cy'ihindurwa, twizihiza kandi tunibuka umwami wacu Yesu Kirisito yihindura ukundi (Matayo 17:1-8), aduhishurira icyubahiro cy'ubumana uyu munsi mukuru utwibutsa intego yacu nk'abakiristo ba orthodox ko buzima bwacu tugomba guhora turushaho guhinduka tugira kamere Mana (2 Abakorinto 3:18). Ubu buryo buzwi nko guhindura umuntu akagira imisusire nkiy' Imana. Ese ibi twabigeraho gute?

1.**YESU AGOMBA KUTUBERA URUGERO**

Abizera ba kera bitwaga abakristu (Ibyakozwe n'Intumwa 11:26) kubera ubuzima babagamo, urebye nka Mutagatifu Ignatius, muri kiliziya ya kera yari Padiri na Musenyeri wa kiliziya yiyitaga umutwazi w'Imana! Ese uyu munsi twitegereje neza, abantu batuzenguretse batwita bande? Ese batwita amanyamazimwe, abanyamujinya, abakunda amafaranga, ibyigomeke, abishyirimbere cyangwa abatagira impuhwe? Cyangwa mu byukuri twitwa abakirisito?

Mu by'ukuri dushobora kugira inzitwazo nyinshi zo kudasa na Kirisito mu mimerere ndetse no mu myitwarire, ariko tugomba gufatira urugero kuri Yesu. Icyifuzo cyacu gikomeye kigomba kuba" Mwami Yesu ndifuza kumera nkawe kugira ngo mpeshe icyubahiro izina ryawe" ibi bisobanuye ko ntago uba ukigendera ku muco wacu, umuryango uvukamo, amakosa ya hahise n'ingero mbi z'abandi tukabifata nk'urwitwazo rwo kuguma uko twari turi. Kandi buri gihe iyo utsinzwe, ugomba kuvuga isengesho rya Yesu. ''Mwami Yesu Kirisitu, mwana w'Imana ngirira impuhwe umunyabyaha."

**2. TUGOMBA KUMVIRA IBYANDITSWE BITAGATIFU UTITAYE KUBYO ABANDI BAKORA**

Yesu yaravuze ngo, nimunkunda muzitondera amategeko yanjye (Yohani 14:15) rero twerekana urukundo rwacu ku Mana twumvira ijambyo ryayo. Niba abandi bavuga abandi ntitwifatanye nabo. Abandi nibatagandukira aba bayobora cyangwa bakagira imbaraga zo kubanenga ntago tugomba kubigiramo uruhare. Kubera iki? Kubera ko twahisemo gukora ugushaka kw'Imana nkuko ijambo ryayo ribidutegeka. Twiyiriza, dusenga kandi dufasha nkuko ibyanditswe bitagatifu bitubwira.

**3. KWIRINDA IBIGARE BIBI**

Hari umugani wa kera uvuga ngo "mbwira inshuti yawe nkubwire uwo uri we" dushobora kudaha agaciro inshuti zacu za hafi ndetse nabo tumarana umwanya munini. Ariko nukwibeshya gukomeye ku mwanzi, imyitwarire mibi, kunenga no kwigomeka byabo muhorana bigenda bikwanduza buhoro buhoro Mutagatifu Pawulo atubwira ngo "Muzibukire mwene Data ugenda yica gahunda cyangwa, udakurikiza ibibwiriza mwahawe natwe" (2 abatesalonike 3:6). Ntimuyobe, ukwifatanya n'ababi konona ingeso nziza.

Bakundwa bana banjye muri Kiristu, mu gihe twizihiza umunsi mukuru w'ihindurwa, nitukibagirwe ko Imana yifuza ko duhinduka tugasa n'umwana wayo Yesu Kristu nk'abaragwa ba kamere y'Imana (2 Petero 1:4).

Mureke dukomeze dusengere Leta ya Manipur mu buhinde kugirango amahoro y'Imana asakare muri bo kugirango basaza na bashiki bacu bakomeze gushiramanga, kugira imbaraga no gusa na Kirisitu nubwo bari guca mu bihe bikomeye.

Kandi dukomeze gusengera abasore n'inkumi bato bahisemo gukorera kiliziya ntagatifu batorezwa mu maseminari ndetse n'babikira b'impuhwe.

Mu ikoraniro rya Kiliziya Ntagatifu,

Umubyeyi mu by'umwuka,

Athanasius Yohan I Metropolitan